REPUBLIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
AKARERE KA RUSIZI
TEL. 0788488197/ 0783585588
www.rusizi.gov.rw
rusizidistrict@rusizi.gov.rw
B.P 253 RUSIZI

ITANGAZO

Ashingiye ku itangazo ry'ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 26/08/2020 yemeje ko ingendo zo kujya no kuva mu Karere ka RUSIZI zibujijwe uretse amakamyo atwaye ibicuruzwa;

Umuyobozi w'Akarere ka RUSIZI aramenyesha abakandida basabye akazi ku myanya ikurikira:
- Executive Secretary of District;
- Executive Secretary of the Sector;
- Director of ONE STOP CENTER and Land Notary;
- Civil Registration and Notary;

ko urutonde rw'abemerewe gukora ikizamini cy'ijonjora ruboneka ku rubuga rwa internet rwa Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo ari rwo "www.mifotra.gov.rw" hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga (e- recruitment).

Urutonde rw'abemerewe gukora ikizamini cy'ijonjora ku mwanya wa "Foreman/ Forewoman" rwo ruboneka ahamanikwa amatangazo ku biro by'Akarere ka RUSIZI no ku rubuga rwa internet rw'Akarere ari rwo "www.rusizi.gov.rw".

Umuyobozi w'Akarere aboneyeho kumenyesha abakandida bose bireba ko itariki y'ibizamini n'aho bizabera bazabimenyeshwa nyuma.

Bikorewe i RUSIZI, ku wa 28/08/2020

KAYUMBA Ephrem
Umuyobozi w'Akarere ka RUSIZI